

GUSUZUMA IMITERERE AMABWIRIZA Y'UMUYOBOZI/UMUFATA RUMURI

- ☐ Menya neza ko hari amabwiriza yo kugezura imiterere ahagije, kandi ko nibyo kugufata biri ku meza.
- ☐ Senga usaba Imana kugira ngo igukoreshe nk'igikoreshe kugira ngo igaragaze ibyo ishaka.
- ☐ Bahe ikaze.
- ☐ Bibutse ko bayoborwa n'umwuka:
 - Ubuzima si ubwacu ahubwo nicyo Imana ishaka kudukorera.
 - Imana n'umukozi twe turi ibikoreshe.
 - Imana n'umuremyi naho twabwira turi ibiremwa. Kuko idufiteho umugambi mwiza (Yeremiya 29:11)
 - Nkuko akabuto ka Pome gatabwe mubutaka kaba gafite byose imbere kuburyo kataba igitoki cy'umwembe ariko kera Pome! Niko natwe tugomba kwera imbuto ariko zitandukanye.
 - Nubwo umubiri wa kristo wose ufite inshingano imwe (guhindura abantu abigishwa, kubabwiriza no kubigisha gukurikiza amategeko y'Imana), turi ibice bitandukanye kandi ninshingano ziratanganye, ariko twese turuzuzanya.
 - Ibintu 5 biraga ubuzima bufite intego:
 1. Imana yaguteguriye kugira ngo uyishimishe(kuyihimbaza no kuyiramya/ubucuti/kuyihesha icyubahiro)
 2. Waremewe kuba mu muryango w'Imana (ubumwe bw'ubusabane, urukundo kandi no kwitanaho).
 3. Waremewe kuba nka kristo (soma ibyanditswe kugira ngo umenye uko kristo yari ateye, kandi wemere kubabazwa kugira ngo ukure.)
 4. Wateguriwe gukorera Imana (menya kandi uteze imbere imiterere yawe kandi wemere ninshingano) komeza utoza impano zawe kubw'icyubahiro cy'Imana no gukorera abandi, kuko nta cyacu dufite tugomba kugabana (ibyakozwe 4:32)
 5. Uri kuri misiyo (umubiri wose wahamagariwe kuramya, gukorera Imana, kuvuga ubutumwa, gusabana, (urukundo n'ubumwe) no guhindura abantu abigishwa)
 - Twahamagariwe kuba abagaragu b'ibyifuzo byabandi mu buryo bwo mu

mwuka, amarangamutima, no mu buryo bw'ibifatika.

- Rero inshigano zacu ziri ahantu dufite ubushobozi(impano), Izikurikira ziri aho dukenewe, ariko byose bifite umumaro.
 - Abantu bo muri bibiliya bari bahagije n'imiterere yabo ihambaye. Paulo yahamagariwe kubwiriza ubutumwa, mariya we yahamagariwe kuba umubyeyi mwiza....erega ntibishingira ku bugari bw'inshigano, ahubwo urimo gukora ubushake bw'Imana mu butungane. Urugero, Yona umwinjiniyeri ukora cyane kugira ngo atunge umuryago we, afasha naba misiyoneri. famiye, akazi n'itorero ni ibintu bifatanye isano rikomeye....ubu nibwo bugingo.
 - Itegere wishimye kuko isuzuma riri bufate hagati y'amasaha 3-5.
 - Nta muntu uguha amanota ariko turagufasha kugira ngo wimenye...kuko Imana yakuremye!
 - Umubare w'amanota uzajya uhindagurika bitewe n'imyaka, n'igihe umaze uri umukristo, amateka yawe, ubunyangamugayo, n'umurava witeguye gushoramo!
 - "Nuko muhoze imitima yanyu ku biri hejuru atari ku biri mu isi"(Abakolosayi: 3:2)
- Babwire ko gukoresha imiterere yawe ariryo banga ryo kubyara umusaruro n'umwuzuro mu murimo w'imana. uzaba umuntu utangaje igihe uzaba ukoresheje impano zawe z'umwuka n'ubushobozi, ahantu mu mutima wawe wumva ushaka kuko aribwo uzashobora kugaraza neza uko uteye, n'ibiyumviro byawe aho bikorera neza.

Igihe cyo Gusega

- Umva indirimbo imwe cg 2 usaba umwuka wera kukuyobora.
 - Musengere kandi musabe n'abakorerabushake gusengera icyi gikorwa.
- Basabe batoranye umufatanyabikorwa umwe wa bugufi, uwo basanzwe bakorana kugira ngo bicarane. ubabwireko hari amahirwe yo gusangira ibitekerezo uko turangiye inyigisho, kandi ko bagomba gufatanya no kumenya neza.

Impano z'umwuka

- ☐ Ubibutse ko impano z'umwuka atari impano tumenyereye.
(ubushobozi) + bugereranye n'imbuto z'umwuka (abagalatia 5:22-23) imbuto zerekana ubukure naho impano zerekana umuhamagaro.
- ☐ Ubabwire guhina urupapuro rwa 2, kandi uko harangijwe isomo hajya habaho kugeragezwa. uzajya ubasomera ikibazo maze bagisubize badatinze bitarinze kuruhanya kandi ubwo usubirisha kuva 0-3 buri kibazo.
 - Urugero ikibazo cya 11 ati fata urugo rwawe nkaho ari ahantu ho gukorera umurimo w'Imana, bivuze ko iyo ugeze mu rugo uba ugeze mu biro byo gukoreramo umurimo w'Imana.... Bagerageze gusobanukirwa ibibazo.
- ☐ Basobanurire ko byerekeranye n'impano zabo z'umwuka, atari ubushobozi busanzwe tuza kugenzura nyuma.
- ☐ Tangira usoma ibibazo 1-45 buhoro buhoro, wongere kuva kuri 46-90-91-133 ubasabe guteranya usaba kureba 5-6 byiza cyane utume bahina page 6 kugira ngo bamenye impano zabo.
 - Ubibutse ko iri ari isuzuma gusa ribafasha kumenya impano, ariko ko Umwuka Wera ariwe ugomba kuguhishurira n'iyihe yo kwibandaho. Nuko babwire bese batangire gusoma izindi impano z'umwuka umuntu umwe umwe cyane.
- ☐ Basabe bese kwandika impano z'umwuka 5 kandi babisangize bagenzi babo.
- ☐ Tegereza ko bese barangiza gutaga igitekerezo.
- ☐ Musomere hamwe kugira ngo bashobore kwibuka.

UMUTIMA

- ☐ Soma Zaburi 37:4 ubibutse ko Imana itazigera iguha icyo umutima wawe udashaka, ahubwo Imana iguha icyo umutima wawe ushaka...icyo yaguteguriye nicyo wifuza cyane mu mutima wawe.
- ☐ Ubasabe gufunga amaso yabo badasoma, ubahe igihe cyo gusubiza mu mitima yabo.
- ☐ Ubasabe kwandika intego/cg iyerekwa babona niba hari urifite.
- ☐ Ubasabe gusangiza bagenzi babo kubyo banditse. kandi bategereze kugira ngo barangize.

UBUSHOBOZI

- ☐ Basabe barebe utuzu ariko bagomba kureba utwo bakoze neza kandi ubabaze ibyo basangije bagenzi babo.

IMIMERERE

- Ubasabe bandike amazina yabo n'amaboko abiri, wongere ubabwire ko muri abo nta muntu ukora ikintu mu buryo butateguwe kuko bibabaza, kandi ugafata igihe kinini ugashyiramo n'imbaraga nyinshi kandi bidatuganye. ikaba ariyo mpamvu ugomba gukora bishingiye ku miterere yawe.
- Babwire bagenzwe utuzu, ariko bagomba kureba utwo bashobora kubona gusa, kandi n'abandi bashobora kubona... nabo basuzuguritse. Ubereke ko nta wugomba kwitinye, babaze abacyeneye ibisobanuro ukumire n'icyo bagutekerezaho.
- Ubasobanurire ko biribukenerwe gusa 1-8 aho bari bubone gusoma ubwoko bw'imiterere unabaha igihe cyo gusubiza (kudasabana vs gusabana, kunesha vs kutifata nibindi).
- Basobanurire ukuntu bari bwuzuye 1-8 aho bava, bageze aho batangira gusoma imiterere uko ikurikirana umwe umwe ubaha igihe cyo gusubiza. (urugero soma ibigize vs abasabana-tegereza, abifata vs abahubuka-tegereza)
- Ubasabe kuvuga ibyo banditse nabo bafatanyije ari nako utegereza ko basoya mu matsinda mato.
- Bibutse ko ibyo bacyiyemo byose kugeza ubu, ibyiza n'ibibi byose bigize abo baribo. Murebere hamwe ibibazo maze basubize. Mu magambo make.
- Tegereza ko bese barangiza mu matsinda mato

IMITERERE

- Nibarangiza kwiga IMITERERE, ubibutseko batarangiza. Ariko ubabwireko ari igenzi kumenya imiterere.
- Mugerageze muce mu bibazo byose, kandi banashushanye ifoto igaragaza imiterere yabo nubwo baba batazi gushushanya. babaze niba bashakira gusinye barangije. ubabwire ko batabikora kugira ngo bagushimishe, ahubwo ko yego yabo igomba kuba ihamye kuko Imana irabareba.

GUKORESHA IMITERERE

- Babaze ibibazo byombi, maze ubasobanurire ko icyo ugamije aruko bamenyako niba hari urusengero cyg minisiteri wakorana nayo kugira ngo usohoze umuhamagaro wawe. nuko Basabe kwandika ama minisiteri atandukanye bazi bakorana nayo.
- Basabe ko babasangiza ibyo banditse, nibyo bashushanyije. bari mu itsinda ry'abantu 4-12 basanzwe bakorana

ABAYOBOZI (abafata Rumuri) basangiza iyerekwa

- Ubabwire ko utari kwangaja, ahubwo ko ari Imana yangaja kandi ikaba izi n'umugambi ifite ku buzima bwabo niba yarabahamagariye guhuza no gufasha abandi. Ufasha abavandimwe kumenya imiterere yabo muri kristo, nuko ubikorana n'abakristo benshi.
 - Musangire ibyo mufite, kugira ngo ntihagire ugira icyo acyena.
 - Kuba umuhuza uhuza insengero cg minisiteri zinyuranye, gufashanya no gukorana.
 - Kora ibishoboka usohoze isengesho rya kristo ry'urukundo n'ubumwe mu bakristo (yohana 17).
- Bahe ifishi kugira ngo abayobozi babamenye neza kandi ubasabe banasinye
- Babaze niba bashaka kugira urwandiko rw'intego y'abafata rumuri. Kugira ngo babimenye neza, bahe urwandiko kandi ubayobore ku rukuta rwacu rwa interineti.
- Babwire kuberekeye umunsi w'urukundo. (soma inyandiko z'umunsi w'urukundo)
- Bashishikarize kugumana iyerekwa Imana yabahaye/intego, kandi bashake Imana ibihe byose kugira ngo ibereke intambwe yo gukurikiza ho.
- Bibutse IMITERERE ko ari igikoresha cyo gukoresha gusobanukirwa umuhamagaro wabo mu buzima kandi ko bagomba guhora bemerera umwuka wera kubayobora.
- Mufatane mu biganza musengerane, aho harimo kubaha inshingano no kubatera imbaraga zo gukorera Imana bishingiye ku miterere yabo.
- Bibutse ko uyu war'umukoro gusa, niba bashaka kujya ibwina mu gusobanukirwa IMITERERE yabo, ni ngombwa gusoma igitabo cya RICK WARREN UBUZIMA BUFITE INTEGO na IMITERERE CYA ERIK REES.